Rwanda Energy Group

REG

# ITANGAZO

Ubuyobozi Bukuru bwa Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu (REG) buramenyesha abantu bose, cyane cyane abaherereye mu duce dukurikira:

1. Mu Karere ka **Bugesera**: Umurenge wa Mwogo, Nyamata, Juru, Rilima, Musenyi na Shyara;
2. Mu Karere ka **Nyanza**: Umurenge wa Busoro, Kibirira na Ntyazo;
3. Mu Karere ka **Gisagara**: Umurenge wa Mamba;
4. Mu Karere ka **Kicukiro**: Umurenge wa Gahanga.

Ko imiyoboro ibiri minini y'amashanyarazi yari imaze iminsi yubakwa umwe uva mu Karere ka Gisagara ukagera mu Karere ka Bugesera, undi uva mu Karere ka Bugesera ukagera mu Karere ka Kicukiro imaze kuzura ndetse kuri uyu wa kabiri, **tariki 26 Ugushyingo 2019** yatangiye gushyirwamo amashanyarazi mu gikorwa cyo gusuzuma ko ikora neza. Hakaba rero hateganyijwe gushyiramo umuriro mu buryo buhoraho mu cyumweru cyambere cy'Ukuboza 2019.

Kubera iyo mpamvu, Ubuyobozi Bukuru bwa REG burakangurira abaturiye ndetse n'abanyura ahubatswe iyo miyoboro, kwirinda gukora ku nsinga ndetse no ku Minara y'iyo miyoboro. Murasabwa kandi kurinda no kubuza abana gukinira ku Minara cyangwa insinga bigize iyo miyoboro.

Kirazira kandi kujugunya ibiti cyangwa ibindi bishobora kugwa ku nsinga kuko byakwangiza iyo miyoboro cyangwa bikanateza impanuka zavamo n'urupfu. Uwabona abatabyubahiriza yabimenyesha ishami rya REG rimwegereye cyangwa akabimenyesha inzego z'umutekano zimwegereye. Ashobora no guhamagara numero itishyurwa 2727.

Bikorewe i Kigali kuwa, 28 NOV 2019........

for [signature]

**Ron WEISS**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA ENERGY GROUP LIMITED · Rwanda Energy Group · REG · CHIEF EXECUTIVE OFFICER

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 78 818 1224, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**